**Ishusho rusange y'uburezi**

Uburezi mu Karere ka GAKENKE bufite ireme ni inkingi y'iterembere rirambye ry'igihugu, akaba ari yo mpamvu Guverinoma y'u Rwanda ikora ibishoboka byose ngo bugerweho. Muri urwo rwego, hakozwe byinshi mu Karere ka Gakenke bikubiye muri gahunda rusange ya Leta y'uburezi.

Mu kuzamura ireme ry'uburezi hubatswe ibyumba by'amashuri 800 mu myaka itanu ishize hagamijwe kugabanya ubucukike bw'abana mu mashuri; hasanwa kandi ibyumba byari bishaje bingana 102; hubatswe kandi n'ubwiherero 1046. Ibi byatumye ibipimo by'uburezi bizamuka.

Amashuri y'incuke yariyongereye ava kuri 47 mu mwaka wa 2015 agera kuri 141 mu mwaka 2021 higamo abanyeshuri 10 60.

Amashuri abanza yariyongereye ava kuri 108 mu mwaka wa 2010 agera kuri 132 mu mwaka wa 2021. Ubu amashuri abanza akaba ari 132 . Abikorera n'imiryango itegamiye kuri Leta bari kongera uruhare rwabo muri aya mashuri kuko kugeza ubu amashuri abanza 3 ni ayigenga. Mu mwaka wa 2021, abanyeshuri bose bigaga mu mashuri abanza ni 74 300.

Amashuri yisumbuye nayo yariyongereye ava kuri 46 agera kuri 62.Mu rwego rwo guteza imbere uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12, buri Murenge ufite ishuri ryisumbuye. Amashuri yisumbuye yigagamo abanyeshuri 15,356 mu mwaka wa 2015; ubu amashuri yisumbuye yigamo abanyeshuri 18,405.

Amashuri y'imyuga iciriritse nayo yongewemo imbaraga, ava kuri 2 mu mwaka wa 2010 agera kuri 5 mu mwaka wa 2015. Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye, umubare wayo n'abayigamo wariyongera guhera mu mwaka wa 2016; ubu amashuri y'imyuga iciriritse ni 11; mu gihe abanyeshuri bayigamo ari 1697.

Umubare w'abarezi babifitiye ubushobozi wariyongereye mu byiciro byose. Ubu mu Karere ka Gakenke higishamo abarezi 2089 bafite dipolome ya A2, 276 bafite dipolome ya A1 na 487 bafite dipolome ya A0.